

ITANGAZO RY'INAMA Y'ABEPISKOPI GATOLIKA RYEREKEYE KURENGERA UBUZIMA BW'UMWANA KUVA AGISAMWA

Bakristu bavandimwe, kuri uyu munsu w'Urugo rutagatifu rw'i Nazareti twizihizaho umunsu w'umuryango, twiyemeje kugaruka ku cyaha gikomeye cyo gukuramo inda. Muribuka ko ku itariki 17 Ukuboza 2010 twabagejejeho ubutumwa ku byekerekeye kurengera ubuzima no kwamagana icyaha cyo gukuramo inda. Muri iki gihe, twugarijwe n'icyorezo cy'ingeso mbi y'ubusambanyi gifite ingaruka zibabaje ku buzima bw'umuntu, ku muryango ndetse no ku gihugu.

Imwe muri izo ngaruka ni ugutwara inda n'igishuko cyo gushaka kuyukuramo babifashijwemo n'amategeko agenda arushaho koroshya ibihano by'abazukuramo. Turongera kwibutsa ko gukuramo inda ari icyaha gikomeye kuko ari ukwica umuntu w'inzirakarengane. Nta mpamvu n'imwe ishobora kuba urwitwazo rwo kuvutsa ubuzima umwana wasamwe. Ubuzima bw'umuntu ni impano ikomeye y'Imana Rurema, bugomba kubahwa no kurengerwa kuva agisamwa. Imana ni yo mugenga w'ubuzima kuko buyikomokaho kandi bukayiganishaho. **“Ntarakuremera mu nda ya nyoko nari nkuzi, nakwitoreye utaravuka” (Yer 1,5)**

Gukuramo inda si igisubizo gikwiye cy'ibibazo dufite. Ahubwo bitera ibikomere bigira ingaruka ku buzima n'urukundo by'abashakanye. Nk'uko tubisanga mw'itangazo ryavuzwe hejuru (no. 6), icyaha cyo gukuramo inda ni ukwica umuziranenge udafite uburyo bwo kwirwanaho kandi kenshi akavutswa ubuzima n'abari bafite inshingano zo kumurengera nk'ababyeyi cyangwa abashinzwe kubungabunga ubuzima muri rusange.

Hari isano ikomeye umubyeyi aba afitanye n'umwana yasamye. Agomba kurengera ubuzima bw'umwana we uko yaba yarasamwe kose. Gukuramo inda, by'umwihariko ku baziterwa bakiri bato, bigira ingaruka mbi nyinshi. Kuba barakomerekejwe no guterwa inda bakiri bato, bakongera gukomeretswa no kuyukuramo, bibongerera intimba ikira bigoranye. Turasaba ababyeyi n'abandi bose babari hafi kubakira, kubafasha kwiyakira, no kwakira kibyeyi umwana.


Mu gusoza, turasaba abarebwa n'icyo kibazo bose, cyane cyane abiga bakanashyiraho amategeko igihugu kigenderaho, abakora mu by'ubuvuzi, n'umuryango w'abanyarwanda muri rusange, kudaha urwaho icyahungabanya cyose ubuzima bwa muntu kuva agisamwa.


Twongeye gusaba kandi abakristu bose, by'umwihariko ababyeyi n'abarezi, guhuza imbaraga mu kurwanya icyorezo cy'ubusambanyi n'icyaha cyo gukuramo inda, cyane cyane mu rubyiruko.


Turangije tubifuriza umunsi mwiza w'Umuryango Mutagatifu w'i Nazareti n'Umwaka mushya muhire wa 2018.


Bikorewe i Kigali tariki 15 ukuboza 2017.


Abepiskopi banyu


+ Filipino RUKAMBA,
Perezida w'Inama y'Abepiskopi Gatolika + 
Umushumba wa Diyosezi ya Butare


+ Tadeyo NTIHINYURWA, 
Umushumba w'Arkidiyosezi ya Kigali


+ Serviliyani NZAKAMWITA, 
Umushumba wa Diyosezi ya Byumba

+ Yohani Damaseni BIMENYIMANA, 
Umushumba wa Diyosezi ya Cyangugu

+ Simaragde MBONYINTEGE,
Umushumba wa Diyosezi ya Kabgayi 

+ Visenti HAROLIMANA, 
Umushumba wa Diyosezi ya Ruhengeri

+ Antoni KAMBANDA,
Umushumba wa Diyosezi ya Kibungo 

+ Selestini HAKIZIMANA,
Umushumba wa Diyosezi ya Gikongoro 

+ Anakeleti MWUMVANEZA
Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo 